# INYOBORA Y'IKIGANIRO CY'UBUZIMA BWO MU MUTWE KUJYA KU MUGANGA W'ABAGORE

Za witwaje uru rupapuro ubutaha nujya k'uguha serivisi z'ubuvuzi. Koresha inyobora yo gufata ibyemezo yasangijwe kugira ngo igufashe gutangira ikiganiro n'uguha serivisi no kumubwira ibyakubayeho. Ushobora kuyikoresha mu buryo bumwe n'igihe uguha serivisi atangije ikiganiro.

## Tangira ikiganiro ubaza Uguha serivis:

Urumva umeze ute. Umaze igihe kingana gute.

Ni iki wagerageje kugira ngo wumve umerewe neza kurushaho. Niba byarafashije cyangwa bitarafashije.

Ni ikihe kintu kiguhangayikishije cyane ku byerekeye uko wumva umerewe.

Baza uguha serivisi niba ufite cyangwa warigeze ugira uburwayi bwo mu mutwe. Ni ubuhe bwoko bw'ubuvuzi wagerageje. Ni gute byakuvuye cyangwa butakuvuye neza.

Vuga niba wifuza kuganira ibyisumbuye ku buvuzi wahawe.

## Ibibazo by'ingenzi byo kubaza:

- Ni ayahe mahitamo y'ubuvuzi mfite?
- Ubuvuzi bumara igihe kingana gute?
- Ni gute bukora neza?
- Bifata igihe kingana gute kugira ngo wumve umeze neza kurushaho?
- Ni gute bitekanye kuri njyewe n'uruhinja rwanjye?
- Ni izihe ngeruka? Ni gute nahangana n'ingaruka? Ni ryari naguhamagara niba ingaruka zibaye mbi?
- Ni iki nakora niba ibimenyetso mfite bibaye bibi mbere y'uko ngaruka kwa muganga?
- Ni nde nahamagara niba numva nshobora kwigirira nabi cyangwa kugirira nabi uruhinja rwanjye?
- Kora ku buryo ubaza uguha serivisi z'ubuvuzi ibindi bibazo byose ushobora kuba ufite ku byerekeye uburyo wiyumva.

# Vuga **ibyakubayeho.**

Igihe uri gutekereza ku mahitamo y'ubuvuzi, ni ngombwa gutangirira ku nkuru yawe n'ibyakubyeho.
Subiza ibibazo bikurikira kugira ngo bigufashe kukuyobora. Vuga ibyerekeye ibisubizo byawe n'uwagusuye mu rugo cyangwa umuganga ubutaha nujya kwa muganga.

| | | |
|---|---|---|
| ***Urumva umerewe ute?*** | ***Ni iki wakoze kugira ngo uhangane na byo?*** | ***Ni iki kitagenze neza?*** |
| ***Wigeze ugerageza kwivuza?*** | ***Hari ibyigeze bikubaho bibi?*** | ***Ni iki abandi batekereza – umuryango n'inshuti?*** |
| ***Wigeze utekereza ibyerekeye ubuvuzi cyangwa imiti?*** | ***Ni ikihe kintu kiguhangayikishije ku byerekeye agahinda gakabije?*** | ***Ni gute ubona ubuzima bwawe n'ubw'uruhinja rwawe?*** |



College of Human Medicine
MICHIGAN STATE UNIVERSITY
STRONG Beginnings
Strengthening families for a Healthy Start